IHURIRO RY' IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI
FORUM NATIONAL DE CONCERTATION DES FORMATIONS POLITIQUES
NATIONAL CONSULTATIVE FORUM OF POLITICAL ORGANIZATIONS

ITANGAZO RIGENEWE IBITANGAZAMAKURU

ITANGAZO RY'INAMA Y'INAMA RUSANGE Y'IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI

None kuwa kane, tariki ya 23 Kamena 2016, inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateranye, iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro Madamu MUKABUNANI Christine.

Ku murongo w'ibyizwe hari :

(1) Gusuzuma no kwemeza inyandikomvugo y'inama y'Inama Rusange yo kuwa 31/03/2016;
(2) Ikiganiro kuri "*Politiki y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge*" n'Ingamba zo kuyishyira mu bikorwa;
(3) Gusuzuma no kwemeza Igenamigambi ry'ibikorwa by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2016/2017.

Imyanzuro y'inama:

(1). Inama Rusange yemeje inyandikomvugo y'inama y'Inama Rusange yo kuwa 31/03/2016.

(2) Inama Rusange yagejejweho ikiganiro na Perezida wa Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge kuri "*Politiki y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge*" n'Ingamba zo kuyishyira mu bikorwa; ikiganiro kibanze ku mahame, ingamba, inzitizi zihari n'ibisabwa inzego zitandukanye harimo n'Imitwe ya politiki. By'Umwihariko, Imitwe ya politiki yasabwe gushishikariza abayoboke kubumbatira ubunyarwanda no gufatira ibyemezo abayobozi n'abayoboke bagaragayeho amacakubiri n'ingengabitekerezo ya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Inama Rusange yashimye ibimaze kugerwaho mu rwego rwa gahunda y'ubumwe n'ubwiyunge, isaba Komisiyo ko gahunda n'ibikorwa bitegurwa bikwiye kwita ku bihe by'amateka u Rwanda rwanyuzemo hamwe n'ibyiciro byose by'Abanyarwanda baba abahutajwe n'ababahutaje muri ibyo bihe by'amateka, hagatezwa imbere umuco wo kwitoza kwanga gutotezwa no kurwanya amacakubiri ayo ariyo yose.

Ikindi, Inama Rusange yasabye ko hashyirwaho ingamba nshya zo guhashya ingengabitekerezo ya Jenoside yakorewe Abatutsi igenda ishibuka cyane cyane mu rubyiruko. Inama Rusange isanga kandi Komisiyo ikwiye kurushaho gusesengura no kugaragariza Abanyarwanda ibyiza by'ubumwe n'ubwiyunge n'impamvu bikwiye kubera Abanyarwanda inzira y'iterambere rirambye.

(3) Inama Rusange yemeje inyandiko y'Igenamigambi ry'Ibikorwa by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2016/2017 n'ingengo y'imari yabyo imaze kuyikorera ubugororangingo.

Bikorewe i Kigali, kuwa 23 Kamena 2016.

BURASANZWE Oswald
Umunyamabanga Nshingwabikorwa

Email:info@forumfp.org.rw *B.P: 7459 Kigali / Rwanda* *Website: http://www.forumfp.org.rw/*